

IDENTIFICATION : 0084 10/06/94  
DUREE : 90 MIN.  
QUALITE : MOYENNE  
TRANSMISSION : R.T.L.M  
DATE DE TRANSCRIPTION : 6/08/2001  
NOM DU TRANSCRIPTEUR : ICYITEGETSE Drocella  
NOM DU FICHIER : 0084.wpd  
DICTAPHONE : SANYO  
Modèle : TRC-8080  
N° de série : P9407754 F

FACE A

Indirimbo ya BIKINDI.

**Orateur BEMELIKI Valérie (Journaliste de la R.T.L.M) :**

... bari bagize Guverinoma y'inzibacyuho, igihe bagaragazaga ko mbese bashyi... bashyira imbere inyungu zabo bwite n'inda nini yabo, aho kugira ngo barebe inyungu... inyungu y'igihugu cyose, ugasanga rero barishyirira imbere inyungu zabo gusa bafatanyije n'uwari ngo kuzayobora Guverinoma y'Inzibacyuho yaguye, TWAGIRAMUNGU Fawustini.

Izo nzego rero zagiye zinanirana kugira ngo zishyirweho, bigeza ubwo bivuganye Umukuru w'igihugu cyacu. Mu gihe bamaze kumwivugana na bamwe mu bari bagize Guverinoma

---

**Cassette 0084 transcrite par I.D.**

y'Inzibacyuho baza kugwa mu mvururu nyine, mu mvururu zatewe cyane n'Inyenzi-Inkotanyi zadushoyeho imirwano, noneho bamaze gu... guhitanwa n'izo mvururu biba ngombwa ko nyine haboneka izindi nzego zatuma inzego z'Inzibacyuho yaguye zishobora kujyaho, ni bwo hajyagaho Prezida mushya wa Republika, hakurikijwe ingingo ya mirongo ine na kabiri y'Itegeko-nshinga y'igihugu cyacu, e... noneho hakajyaho n'indi Guverinoma yagombaga gusimbura nyine abo ngabo bari baguye muri izo mvururu mu gihe Inyenzi-Inkotanyi zari zitwubuyeho imirwano.

Ubwo rero ni ho hajyagaho izo nzego, e... Prezidanse ya Republika ikaba iyobowe na Nyakubahwa Dogiteri SINDIKUBWABO Tewodori na Guverinoma iyobowe na Nyakubahwa KAMBANDA Yohani.

Ubwo rero mu nshingano bari bihaye, bagombaga gushyiraho inzego z'Inzibacyuho yaguye. Nyamara ibyo ntabwo byaje gushoboka nyine, kuko iyo Guverinoma yagiyeho bagira ngo bashyireho izo nzego ariko hagati aho Inyenzi-Inkotanyi zari zarubuye imirwano zihubutse muri C.N.D. murabyibuka, tariki ya karindwi, ubwo e...ba...buburaga imirwano bagahubuka muri C.N.D. bakagaba ibitero ku kigo cy'Abajepe. Ubwo nyine birumvikana ko Abajepe birwanyeho, icyo kigo nticyagira icyo kiba ariko Inyenzi zigumya gutangatanga impande zose, izikwiriye imishwari zigenda zijya mu baturage zirabica, zigaba ibitero impande zose mu makomine yegereye aho ngaho muri izo... muri Kigali. Usanga rero ko mu by'ukuri mu gushyiraho ziriya nzego byaruhanyije kandi byabaye nk'i... nk'ibitagishobotse kubera iriya ntambara nyine Inyenzi-Inkotanyi zahise zubura Umukuru w'igihugu akimara kwitaba Imana. Kuzishyiraho ntibyari byoroshye. Ntabwo byari byoroshye ni yo mpamvu rero iriya nshingano itashoboye mu by'ukuri kubahirizwa, ariko kandi i...ikaba tuzi ko iriya nshingano yari inakubiye mu masezerano amwe bitiriraga ko ari amasezerano y'amahoro y'Arusha, nyamara ariko akaba yari amasezerano yateguraga intambara iyivana ku mupaka iyizana mu murwa mukuru w'u Rwanda ari wo Kigali.

Tukaba dusanga rero ko na ziriya nshingano mu by'ukuri, iyo ukurikije ayo masezerano y'Arusha, kubera ko ayo masezerano atagifite agaciro, kubera ko ya... yari amasezerano y'amahoro ahubwo akaba yarabyaye intambara, ntabwo akiri amasezerano y'amahoro, ni ukuvuga ko n'ibyaba bi... bikubiye muri ayo masezerano bimwe na bimwe usanga ko bitagifite agaciro, bigomba kuzasubirwamo, cyane cyane nka biriya byo gushyiraho inzego z'Inzibacyuho yaguye, dore ko hari ingingo nyinshi zibisobanura ukuntu zigomba kujyaho, uwa... abantu mbese bagomba no kuzijyamo nk'uwari Ministre w'intebe w'Inzibacyuho yaguye yari yamaze... izina rye yari yararyiyandikishirije muri ayo masezerano, kandi ntawe tukibona, igihugu cyagize akaga, ntabwo tumubona mu gihugu cyacu, ntabwo tujya tumwumva, ntituzi ibyo arimwo, mbere yarakangataga avuza iya Bahanda, avuga gusa ngo "ni mu minsi mike" ngo "Radiyo R.T.L.M" ngo "ikaba itagivuga" none twasanze ari we waretse kuvuga mbere yayo, tukaba tutazi n'iyi yomonganiye agenda, tukaba tutazi aho aherereye.

Ugasanga rero kugira ngo ziriya nzego, iriya Guverinoma y'abatabazi na Prezida wa Republika bashobore kuba... baze...bagerageza gushakisha uburyo zajyaho bitoroshye, bikaba bivuga ko rero iri... iriya nshingano itashoboye kubahirizwa, ariko bidatwe na Prezida wa Republika cyangwa se na Guverinoma, bitewe n'Inyenzi-Inkotanyi zadushoyeho intambara zikabyutsa n'imidugararo muri iki gihugu abantu bamwe ntitwamenya iyo baherereye.

Ikindi navuga nyine ni uko ariya masezerano y'Arusha na none kugira ngo ashobore kubahirizwa uko yakabaye ni uko ku... article ya mbere y'iyi... y'ayo masezerano, ivuga ko... iyo article ivuga ko intambara... imirwano igomba kubanza guhagarara kugira ngo nyine amahoro aze. Ni yo article ya mbere. Igihe rero imirwano itahagaze ahubwo imirwano ikaba igikomeza, murumva ko iyo article ya mbere, niba ari yo ya mbere, ni yo... ni rwo rufunguzo rw'ayandi... rw'izindi ngingo zose zikubiye muri i... muri ayo masezerano y'Arusha, niba urwo rufunguzo rwaravunitse rero, rukaba rutagishoboye gufungura izo ngingo zu... zindi zose, ni ukuvuga ko na zo zitagifite aho zishobora kwinjirira, ni ukuvuga ko zida... umuntu atabona ubundi buryo agomba kuzubahiriza, ahubwo

bagomba kubanza kuzisubiramo, ndetse bakanasubira bwa mbere muri iyo... muri iyo ngingo ya mbere yo kureba imirwano, noneho iyo mirwano bamara kureba ibyayo, bamara kuyisuzuma, bamara kureba uwo icyaha gihama, bakabona kuzagaruka ku zindi ngingo. Nguko rero icyatumye izi... iriya ngingo ya kabiri yo gushyiraho inzego z'Inzibacyuho yaguye zidashobora kubahirizwa n'iriya Guverinoma y'abatabazi ndetse na Prezida wa Republika.

Indi ngingo ya gatatu Perezida wa Republika ndetse na Guverinoma y'abatabazi bari bihaye, yari iyo gukora ibishoboka byose ngo barwanye inzara kandi banagobokeye, bakore uko bashoboye haboneke ibintu byagoboka abazahajwe n'iyi ntambara bo mu turere twose tw'igihugu. Ibi ni byo, iyi nshingano yo twavugaga ko n'ubwo itubahirijwe ijana ku ijana, ntabwo kwari ukwikoreramo, kwari uguhaguruka bakagenda bagatakamba, bagasaba amahanga, bakagaragaza akaga Abanyarwanda barimo, Abanyarwanda bagiye bavanwa mu byabo n'iyi ntambara ibibazo bafite. Ni byo rero iriya Guverinoma yakoze, Guverinoma y'abatabazi koko yahagurukiye kugira ngo ishakishirize abantu bazahajwe n'inzara, abantu bavanywe mu byabo n'iyi ntambara icyashobora ee kugira ngo kibaramire, barahaguruka bajya iyo mu mahanga, nta muni w'ubusa n'ubu mvuga ndumva Ministre w'Amajyambere no gutumanaho agomba kuba ari mu gihugu e... kimwe cyo hanze, ubwo abo bose bakaba bagenda basobanura ikibazo cy'u Rwanda, ikibazo cy'abantu bamerewe nabi badafite uko bigira, ikibazo cy'inzara cyugariye iki gihugu, kuko kenshi twagiye tubivugaga tuti "mu minsi iri imbere iyi ntambara nitubona i... icogoye, ubu yatangiye kugenza imihini migufi, ariko igihe izaba yarangiye, hazakurikiraho ikintu cyitwaga inzara kuko iyo urebye twese twarahagurutse, duhanganye n'Inyenzi-Inkotanyi, yego hari imyaka imwe yareze, ariko usanga na yo yarabuze gisarura, ugasanga kubera ko abantu bose bahagurukiye kugira ngo barwanye Inyenzi-Inkotanyi, ibintu byo kugira ngo bite ku by'ubuhinzi se, ku by'ubworozi se kugira ngo basarure se, ugasanga bigoranye kubera nyine ko bose igihe cyabo bakimariye ku kugira ngo bahangane n'Inyenzi-Inkotanyi. Ariko icyo gihe hagati aho Guverinoma igakora uko ishoboye ikajya iyo mu mahanga igatabariza Abanyarwanda, igatabariza e... imiryango mpuzamahanga yita ku burenganzira bw'ikiremwa muntu, cyangwa se Imiryango igomba gukora uko ishoboye kugira ngo abantu bazahajwe n'inzara, abantu bazahajwe

n'intambara bashobore kubona... kubona ikintu cyabaramutsa.

Ubwo rero murumva ko izo nshingano uko ari eshatu itarashoboye kubahirizwa gusa ni imwe na yo bitayiturutseho, bidaturutse kuri Prezida cyangwa kuri Guverinoma, ariko biturutse ku ntambara y'Inyenzi-Inkotanyi. Naho aba...abantu bavanywe mu byabo n'intambara bo turabizi ko ubu koko ni benshi cyane dore ko noneho ari amaprefegitire arenze ane, ku buryo usanga ko mu by'ukuri bitoroshye, ariko izo mfashanyo bakora uko bashoboye kugira ngo zishobore kuboneka, bishobora gutinda birumvikana, aba... twashobora kubyihanganira ariko natwe aho turi tukaba twafasha ... abafite uko bigira bakaba bafasha bagenzi bacu bavanywe mu byabo n'intambara. Ngibyho rero... ngibyho ibyerekeranye n'isabukuru y'amezi abiri Guverinoma y'abatabazi imaze igiyeho, na Prezida mushya wa Republika amaze agiyeho, kandi bikaba byari bikubiye ee mu ijamba yagejeje ku Banyarwanda bose kuri uyu mugoroba wo ku itariki ya munani. (Indirimbo)

**Valeriya arakomeje :**

...abaduteze amatwi rero tubagezaho ibiganiro byose, amakuru aba yavuzwe, ariko hagati aho tugenda tunyuzamo n'ibiganiro tugirana n'abantu, abantu baba bashaka kugira bageze ibitekerezo byabo ku baturarwanda, cyane cyane muri iki gihe nyine i... Inyenzi-Inkotanyi zadushoyeho intambara, ugasanga rero abantu bose baba bafite nk'ubutumwa ba... bifuzaga kugeza ku Banyarwanda bose ariko cyane cyane ku bantu baba baravanywe mu byabo n'iyi ntambara y'Inyenzi-Inkotanyi.

Muri aka kanya rero hano muri Studio ndi kumwe n'umusore, ee... umusore ndamuha akanya yivuge, akomoka muri Komine Murambi ya Byumba, na we nyine akaba afite ubutumwa ashaka kugeza ku Banyarwanda, ariko reka mbanze muhe micro yibwire abatwumva.

**Orateur KAJUGA Jean-Pierre :**

Yee, murakoze Valeriya, nitwa KAJUGA Jean-Pierre, nka... nk'uko ubivuze nkomoka muri Komine MURAMBI, Prefegitire ya BYUMBA, ee... ubu turi ino aha ngaha i Kigali, i Kigali aho duhanganye n'umwanzi, nkaba naje rero hano muri R.T.L.M kugira ngo ngire icyo nifuza kugeza ku Banyamurambi, cyane cya...Abanyamura... si Abanyamurambi gusa ariko n'Abanyabyumba ndetse n'Abanyarwanda bose mbagezaho ubutumwa bw'ukuntu Byumba, Byumba kugeza ubu ngubu yabaye indiri y'abasirikare ba MUSEVENI, ubutumwa bubakangurira... gukangurira cyane cyane Abanyabyumba uburyo bakwirwano, uburyo ba...bohoza bidatinze bafatanyije n'ingabo zacu kubohoza Prefegitire yacu. Murakoze.

**Orateur Valérie BEMERIKI:**

Yee, ubwo rero mwayiyumviye, yitwa KAJUGA Jean-Pierre akaba akomoka muri Komine ya MURAMBI ya Prefegitura ya BYUMBA. Ubwo butumwa rero ushaka kugira ngo ugeze ku Banyarwanda uti “ni ukugira ngo Abanyabyumba barebe ukuntu bakora, bakwishyira hamwe kugira ngo bajye kubohoza Prefegitura yabo ya BYUMBA”. Ibyo bintu wowe ubi...urabibona ute? Wabisobanurira ute nyine abatwumva?

**KAJUGA:**

Bon, murakoze. Ee...Banyabyumba cyane cyane ni mwebwe mbwira, muribuka ko guhera... mu kwa cumi igihe MUSEVENI yatugabirizaga... mu kwa cumi muri mirongo cyenda igihe MUSEVENI atugabiriza ingabo ze ngo zize zi...tumare, muzi ukuntu twarwanye aho ngaho mu MUTARA dufatanyije n'ingabo zacu. Muzi ko nta Nyenzi zigeze zicengera, za ngabo za MUSEVENI zitarenze NYAKAYAGA, zitarenze KABARORE. Ibyo byaterwaga n'ubutegetsi bwiza bwariho. Byatewe n'ubutegetsi bwiza bwariho, muribuka ko Prezida wa Republika ubwe, Nyakwigendera Jenerali Majoro HABYALIMANA Juvénal ari we wayoboraga Guverinoma. Icyo gihe Guverinoma rero yayoborwaga na Nyakwigendera Prezida HABYALIMANA Juvénal yari yaradutoje kwirwanaho,

idutoza kudatinya, idutoza gufatanya n'ingabo zacu mwabonye ibyo twagezeho, mwabonye ko twashoboye kwigiza inyuma i...gusubiza iyo... Inyenzi, ingabo za MUSEVENI twarazimushubije, zirataha. Yewe ni... na Guverinoma ya NSANZIMANA, mwibuka za KIVUYE, Abanyakivuye murabyibuka, muzi ukuntu mwahanganye n'Inyenzi, mukoresheje ndetse in...in...intwari za gakondo. Nta Nyenzi zi... zigeze zibameneramo. Mwibuke ukuntu Guverinoma zindi zakurikiyeho, izayobowe na Disimasi, izayobowe n'Agata, ni zo zatumye ziba... zituma muhunga. Zibatoza guhunga, zibatera ubwoba. None izo Guverinoma zavuyeho, turifuza ko nta Munyabyumba wakongera guhunga. Igihe cyo guhunga cyararangiyeye, igihe cyo guhunga ingabo za MUSEVENI cyararangiyeye, turabasaba ko mwishyira hamwe, mukava aho muri aho ngaho mwaba za Gitarama, mwaba... muri hano mu muji wa Kigali, hano mu muji wa Kigali byaratangiyeye bashyizeho komite yo ku...huza abasivile bose bahunze, abo basore babishaka bahunze, ikabahuza ikaba... igatuma biga kwirwanaho, ubwo...ku buryo bazafatanye n'ingabo rero.

Tukaba dusaba twebwe ko abari i Gitarama baturuka, bahungiyeyo hose za he, baza b'abasore, bakaza bakatwunganira, birashoboka mu gihe gitoya dufatanyije n'ingabo zacu tuzajya kureba uko Prefegitire yacu imeze, du...fite amatsiko yo kureba nta we udafite amatsiko ku Mulindi uko hifashe, nta we udafite amatsiko yo kureba ibibera i Kiramuruzi, za... Mukarange aho hose, ni twebwe rero tugomba kujyayo, muzi ko twasizeyo imiryango yacu, ni twebwe tugomba kujya kuhaboza.

**Valérie:**

Ibyo bikorwa ariko mwaba mwarabitangiye?

**KAJUGA:**

Yee, ni byo koko Valeriya ibyo bikorwa twarabitangiye nk'ino aha ngaha mu muji twishyize hamwe ee... bimaze kuba ugereranyije bamaze kuba ba... tumaze kubona abasore magana atatu hafi,

bari muri za quartiers zose, ee... dufatanyije rero na Komite z'Interahamwe mu rwego rw'igihugu, no mu rwego rwa segiteri, twasabye ko abayobozi b'Interahamwe mu rwego rwa segiteri ba...kwandika Abanyabyumba b'abasore, bafite imbaraga, babyifuza b'aba volontaires bakabandika, buri ... muri segiteri ba...bakandika abantu babo, noneho abo bantu bagahabwa imyitozo ya gisirikare ku buryo bwihutirwa, noneho igihe ingabo zizaduhera rendez-vous yo ku...jya kubohoza Prefegitire yacu tukazijya inyuma, ino ahangaha byaratangiye, biragenda neza mu masegiteri yose, bambwiye ko mu Muhima ariho hari abantu benshi, za Kacyiru mfite liste yabo niba hari abantu basigaye bongere basange Prezida w'Interahamwe muri... mu masegiteri yabo biyandikishe vuba, ku buryo nibura nko ku wa kane twabona iliste zidakuka, ku wa kane w'igi... ku wa kabiri w'igitaha twabona iliste zidakuka, uyu munsu turi ku wa gatanu, ku wa kabiri w'igitaha twabona iliste zidakuka tukazijyana muri Ministeri ku buryo batugenera gahunda yo gukora imyitozo.

**Valérie:**

Hari ubwo se mwaba mwarashoboye kubonana n'urundi rubyiruko aho wenda rwaba rwarahungiyeye mu nkambi aho hose aho ziri, mutub...mwaba mwarashoboye kuba mwarabonyanye na bo?

**KAJUGA:**

Yee, hari a...abahungiyeye nibura mu mujyi wa Kigali, hari abari za Sainte Famille, hari abari mu buhungiro hepfo aha ngaha kuri Komine Nyarugenge ndetse no kuri za prefegitire, aho ngaho twagiyeyo. Ariko kubera amikoro makeya dufite ntabwo twashoboye kugera mu yandi maprefegitire, ntabwo twari twashobora kugera mu zindi za camps ziri za Gitarama cyangwa ziri za... muri Kigali Nord, muri za Rushashi hehe, ariko mu minsi mike ikibazo cya...cya transporo dufatanyije na Komite nkuru ii...ishinzwe kwi... la défense civile batubwiye ko bagiye kuzagikemura bakatubonera uburyo twajya twideplasa tukagera mu zindi camps, ndetse tugakorana ku buryo busesuye n'abashinzwe mu rwego rwa gisirikare, abashinzwe ibyo bikorwa, dufite moyen de transport.



**Valérie:**

Ee... ku byerekeranye rero na défense civile byakunze kuvugwa ndetse nkumva numva ko nawe ari byo urimo, ese wabisobanura ute abandi bantu, abandi baturage wenda mutashoboye kubona ko ugize Imana ukaba uvugiye kuri iyi radiyo nyine, ubwo butumwa wabubasobanurira ute?

**KAJUGA:**

Ee... nk'uko nigeze kubivuga igihe cyo guhunga cyarangiyeye. Nta...nk'uko na Premier ministre akunda kubivuga, tuzahunga tugeze ryari? Tuzahungira he? Tuzakomeza guhunga bigende gute? Igihe cyo guhunga cyarangiyeye rero, ubu ngubu umuturage aho ava akagera ni we ugomba kwimenya akamenya n'ibye. Umuntu akaba azi gukoresha intwari, simvuga za ntwaro za kiz...zino mbunda n'ubwo waba ufite umuheto wawe ukirwanaho, ukaba uzi kuwukoresha, wa mugani ukagenda ugahinga, uwa...i... izo ngabo za MUSEVENI zakurasaho na we ukarasa uki...ukidefanda aho kugira ngo ute isambu yawe, ibyo ngibyo ni gutyo tubitekereza, turagira ngo rwose dusabe abaturage bose bumve ko igihe cyo guhunga cyarangiyeye ko ahubwo igihe kigeze ari icyo kwirwanaho buri muntu akoresheje uburyo bwose ashoboye ee...aka...akarwana ku mutungo we, akarwana ku ma...ku bagore be, ku bana be, ku muryango we, aho kugira ngo birirwe babungana akarago kandi ari... ingabo eshanu za MUSEVENI zagiye aho ngaho zi...zikarasa aho ngaho ho, zikakwirukankana, zikagute...zikajya kukwicisha n'inzara, kukwicisha inzara gusa, icyo gihe cyarangiyeye cyo kwi...kwi...guhunga, umuturage agomba kwirwanaho akoresheje ibyo ashoboye byose ee... uburyo bwose afite bwose akabukoresha.

**Valérie:**

Yee. Bwana KAJUGA rero Jean-Pierre urakoze, ibitekerezo... ibyo bitekerezo byiza ugejeje ku

rundi rubyiruko rwose.

**KAJUGA:**

Bon, murakoze Valeriya, nongeye kubashimira, mukomeze muhatane iyi Radiyo yanyu turayikunda, ndakeka...umudari wa mbere mu... wo ku rugamba muri mu bazawufata Radiyo yanyu ifasha abantu benshi. Murakoze cyane.

**Valérie:**

Urakoze Jean-Pierre. (Indirimbo).

**Valeriya arakomeje :**

...usibye ko noneho yemeye ko e.. Inyenzi-Inkotanyi zica, bavuga ko usibye n'abo Ba...padri Inyenzi-Inkotanyi zahitanye, abo Bihayimana barimo Abasenyeri batatu, yavuze ko atari ubwa mbere Inyenzi-Inkotanyi zihitanyaga... zihitana Abihayimana, ko ndetse n'i Byumba, mu karere ka Byumba, za Rwesero bahiciye Umupadiri ufite ubwenegihugu bwo muri Espagne, ndetse bakahicira n'abandi Bapadiri batatu aho ngaho za Rwesero i Byumba ndetse harimo na wa ..., aranabibutsa nyine ko harimo na wa Mupadiri tuzi uzi guhimba indirimbo cyane witwa Padiri MUDASHIMWA na we akaba rero yarahitanywe n'Inyenzi-Inkotanyi.

Ubwo Jean-Hélène yakomeje avuga ko Kiliziya gatolika nta na rimwe yigeze igaragaza ko irwanya ubutegetsi bw'igihugu cyacu, (petit moment de silence) ubwo F.P.R yo igahita yumva ko rero e.. niba itarwanya ubutegetsi, ahubwo Kiliziya gatolika ibangamiye F.P.R-Inkotanyi.

Ikindi ni uko Kiliziya gatolika nyine yakomeje kwigisha amahoro, ikigisha ubwiyunge

bw' Abanyarwanda bose, bityo ikagaragaza ko idashyigikiye ibitekerezo by' Inyenzi-Inkotanyi ndetse

I...batanumva, Kiliziya gatolika itumva n'impamvu nyakuri zatumye Inyenzi-Inkotanyi zubura imirwano.

Kubera iyo mpamvu rero Inyenzi-Inkotanyi zo zigasanga Kiliziya gatolika ari umwanzi wazo, bityo bakagomba kugira ngo na bo niba babashyikiriye ntabwo babarebera izuba, ahubwo na bo bakabahitana.

Ugasanga rero Inyenzi-Inkotanyi, umuntu wese uvuga amahoro, uvuga ubumwe, umuntu wese utari kumwe n'Inyenzi-Inkotanyi, udafatanyije na zo muri ubwo bwicanyi zo zikumva ko na we yagombye gupfa.

Ibi rero na Papa na we byamuteye impungenge cyane, Papa yakubiswe n'inkuba yumvise nyine inkuru y'uko Inyenzi-Inkotanyi zaciye umutwe Kiliziya gatolika mu Rwanda, zikivugana intore z'Imana, zirimo Abasenyeri batatu barimo Archevêque wa Kigali, Musenyeri NSENGIYUMVA Visenti w'Arki...w'Arkediyozezi ya... ya KIGALI, hakabamwo na Musenyeri NSENGIYUMVA Tadeyo wa Diyoseze ya KABGAYI na Musenyeri RUZINDANA Yozefu wa Diyoseze ya BYUMBA n'abandi Bapadiri icumi bari bari kumwe.

Ubwo rero Papa yaguye mu bi... mu bi...mu kantu, yibazwa... yibaza ukuntu ibintu bigiye kumera mu gihugu cyacu, ahita avuga ko u Rwanda ari igihugu... ari igihugu cy'abahowe Imana. Yahise rero avuga iryo jambo usanga ko mu by'ukuri abantu bose bakubiswe n'inkuba, isi yose itashoboye gusobanukirwa n'ukuntu Inyenzi-Inkotanyi ziriho zica. Ibi bikaba bigaragaza rero ko, twajyaga tuvuga ko Inyenzi-Inkotanyi zica, amahanga amwe agahaguruka, abanyamakuru Inyenzi-Inkotanyi zashoboye gucengera zikabajyamo, bagahaguruka bakagaragaza ahubwo ko Inyenzi-Inkotanyi zitica, ariko noneho Inyenzi-Inkotanyi ni zo zatangaje iyo nkuru, ziyitangariza kuri radiyo yayo, iyo radiyo

yayo na yo iherereza andi maradiyo y'amahanga, n'iyi ... iriya radiyo nyine ya... iriya radiyo y'Abafransa y'ampu... y'impuzaza... y'i... y'impuzamahanga yatangaje rero itangaza nyine ukuntu ziriya Inyenzi-Inkotanyi zivuganye bariya Bihayimana barimo aba... Abasenyeri batatu. Ubwo rero ugasanga ko amahanga yose yabagaru... yabahagurukiye kugira ngo bagaragaze ubwicanyi buteye isoni kugeza aho bibasira n'Abihayimana, bakanareba n'Abasenyeri, bakani... bakabahitana. (Indirimbo).

### **Valeriya arakomeje :**

... ze amezi abiri, isabukuru y'amezi abiri imaze ishyizweho. Nababwiraga rero n'ijambo rya Nyakubahwa Prezida wa Republika yagejeje ku Banyarwanda bose, yaraye aba... abagejejeho kubera nyine iyo sabukuru, yaraye agejejeje... agejeje ku baturarwanda bose.

Iryo jambo rero ntabwo nari ndifite, ariko mu mwanya Rédacteur en chef wacu Bwana Gaspard GAHIGI amaze kuringezaho, muri aka kanya rero mbere ariko y'uko nagira ngo ndibagezeho ni uko mu by'ukuri yo, abantu bavuga bati "iriyi Radiyo R.T.L.M koko yarahagurutse uru rugamba irarurwana kuva mbere, yarurwanye ku mugaragaro, dusanga ari ngombwa ko ikintu cyose gikozwe natwe tugomba kukimenye... kukimenyeshwa, dore nka ririya jambo twatinze kuribagezaho kandi nyamara twagombaga kuribagezaho mbere, ariko kubera ko twe baba batariduhaye, ndetse usanga hari n'ibiganiro byinshi ubona ko e... bigenda bihita twebwese dusa nk'aho tuta... tutabifiteho uruhare cyangwa se tubihezwamo, ntitubibone hakiri kare kugira ngo dushobore kuba twabigeza ku bakunzi ba Radiyo R.T.L.M.

Mujye mutwihanganira rero ariko na none tukaba dusaba inzego zose ko zajya zigerageza kumva akamaro k'iyi Radiyo R.T.L.M, kugira ngo ikintu kibaye natwe bajye bakitugezaho natwe dushobore kukigeza ku bakunzi ba Radiyo yacu. Ubwo rero nkaba ari... ngira ngo mushobore kuguma hamwe, mwegere amaradiyo yanyu, mukurikirane ijambo rya Nyakubahwa Prezida wa

Repobulika, Dogiteri SINDIKUBWABO Tewodori yagejeje ku Baturarwanda bose.

...twunganira nyine atwuzuzura mu byo natwe tuba twashoboye gutara, ubwo na we akaza atwuzuzura, muri aka kanya rero turi kumwe hano muri Studio, nagira ngo na we afate micro, asuhuze abatwibwira abagezeho n'ibyo yabateguriye.

**Orateur NKURUNZIZA Ananie (Journaliste de la R.T.L.M) :**

Murakoze Valeriya. Mwaramutseho nshuti za R.T.L.M? Reka ntumikire soldat NSENGIYUMVA Pasteri wo muri bataillon ya mirongo itandatu na rimwe, urwanira mu Muhima aho ashinze ibirindiro. Aragira ati : "MUHIKIRA Antoine", uwo ni mukuru we, amumenyeshe aho ari hose kugira ashobore kuzamugeraho. Nongere nzuhuze soldat NZA... NZABONIMANA Martin wo muri iyo bataillon ya mirongo itandatu na rimwe, ku babyeyi be bari i Runda..., nagize uruhare rukomeye kandi rubi muri iyi ntambara turwana. Biratangaje iyo tuvuga amaradiyo kumva na Radiyo yo kwa Papa, Papa bahekuye na we... bahekuye na we, na radiyo yo kwa Papa na yo yaragiye itangaza amakuru y'amafuti afitse na yo ikomoye ku Nkotanyi, cyokora bambwiye yuko iyo Radiyo yaba ikorwamo n'Abapadiri batanu b'Abatutsi b'Abanyarwanda bakorera bene wabo.

Jérôme BICAMUMPAKA ati "F.P.R nireke imirwano, ijye mu mishyikirano". Gusa amenye ko gushyikirana n'inzoka bitoroshye. Iyo mishyikirano rero banga bagahata, ahubwo bakwiye guhata ya mvugo y'Umujenerali w'Umurumani wagize ati "ushaka amahoro ategura intambara". Bitari ibyo se barashaka kuzashyikirana bapfukamye nk'uko Inyenzi zabivuze.

Nuko ku rupfu rwa bariya bantu rero bihaye Imana, Nyir'ubutungane Papa Pawulo na we ngo yashavujwe n'uko Kiliziya gatolika y'u Rwanda yahekuwe, ariko ntitwigeze twumva yamagana Inkotanyi ari zo zabikoze. Emwe, na Ministre w'Ububanyi n'amahanga w'u Bubiligi, uriya witwa Wi... Willy CLAES waduciriye ibintu na we ngo yaba... yababajwe na bariya bantu bacu bashiriye

ku icumu. Birumvikana ko muri abo bose nta wigeze yamagana Inkotanyi zakoze ayo marorerwa. Ahubwo urashaka... urareba ugasanga bashaka gushyira imbere igitekerezo ngo cy'Inkotanyi cyo guhana abakoze icyo cyaha. Nka bya bindi twita "Etat de droit" ngo uwakoze icyaha akagihanirwa uwo bi... ubwo biba birangiye. Ibyo rero ni amacenga, ni amacenga natwe tugomba kujya dutahura mu gihe twumva amaradiyo.

Na none tuributsa ko kuri uwo Willy CLAES ari we ufashije Inkotanyi zifite icyicaro i Buruseli. Na Yoweri MUSEVENI rero, ngira ngo... Valeriya yabibabwiye, na we yavuze ko ababaye. Uretse ko ngo Leta ye itazigera ishyigikira uwo ari we wese uzasho... uzi... uzaba yarishoye mu bwicanyi. Aha nagira ngo tuhatinde gatoya mwumwe. Ati "Leta yanjye ntizashyigikira uwo ari we wese uzaba arangwa mu bwicanyi". Aha ahari aho umuntu yapfa kumva, uretse ko ibyavuzwe na MUSEVENI twavuze ko nta kuri umuntu twabifataho, yapfa kumva ko na we yaba yemeye koko ko Inyenzi zica. Yabyemeye biba biri amahire, ejobundi ni we wasabaga ngo Urukiko mpuzamahanga, abo ruzakatira rero bamaze kuboneka.

Ministre BICAMUMPAKA yatangaje ko u Rwanda rugomba gusaba O.U.A ikamagana MUSEVENI agatahura intwaro ze n'abaturage n'abasirikare barwanira Inyenzi muri iki gihugu cyacu. Radiyo y'Abafransa yo iti "Abahutu bongeye kwica abantu mirongo irindwi". Aha babyise ngo "les milices hutues". Aha ngaha sinamenya rwose uko umuntu yazabigenza. Abo bantu mirongo irindwi avuga bapfuye ntibavuga aho baguye, ntibavuga uburyo bapfuyemo. Ariko ukumva barahurudutse bakiyibagiza ibikorwa bibi by'Inyenzi, ahubwo bakadukira ngo Abahutu bishe. Icyo kintu rero ni indwara barwaye ariko ukuri kuzajya kugenda kugaragara..., kuzajya kugenda kugaragara kandi gutsinde.

Ubwo kandi ngo... Ubufaransa bwaba kwasabye ko Padri Andereya SIBOMANA wa Kinyamateka ngo yaba yarafashwe n'i... n'ingabo z'u Rwanda zikamufungira i Butare ko yarekurwa. Ngaho re! Iyo ni induru nshya, ariko rero ubwo iyi nkuru tutarayimenya, tuzaba tuyibagezaho nitumara

gusobanukirwa neza ibyo amaradiyo aba yavuze rimwe na rimwe hari ubwo ahubanyuka, bitagira n'ishingiro.

Twibutse, ubwo nari ngarutse ku kibazo nshaka kudomozaho kugira ngo tuzagitindeho ubutaha, twibutse ko mu Iseminari nkuru y'i... y'i Nyakibanda, iyi ntambara itangira mu kwezi k'Ukwakira kwa mirongo urwenda, yarimo Aba séminaristes bakuru ijana na mirongo icyenda. Mirongo urwenda muri bo bari Abatutsi, mirongo itatu ari Abahutu. Bariya Batutsi biteguraga kuba Abasaserdoti ba Nyagasani ngo bayobore imbaga y'Imana barishimye cyane u Rwanda rumaze guterwa. Ni ibintu bitangaje, tuzasubiraho, turebe niba iyi ndwara y'ironzakoko, niba iyi ndwara yo kumva ko Umututsi ari we....(interruption).

**FIN DE LA FACE A.**

**FACE B.**

Partie non enregistrée.

**Orateur NKURUNZIZA Ananie :**

...tumaze kurufata twatora Abasenyeri b'Abatutsi bo kubasimbura.

Andi makuru rero twumvise muri iki gitondo ni ayavugaga ko i Bujumbura Abahutu bongeye guhangana n'ingabo z'Abatutsi, ngo imirwano ikaba yaberaga mu karere k'aho bita Nyamabuye nk'uko humvikanye urusaku muri iki gitondo. Ubwo kandi i Burundi, ibyo biraba mu gihe bafite ikibazo cyo kubona Prezida wa Republika kuko uriho uriya... wasimbuye Nya... Nyakubahwa Prezida NTARYAMIRA ubu Abatutsi batangiye kumukemanga.

Muri Liberiya ho imitwe y'ingabo zigera ku bihumbi mirongo itandatu ngo zagombaga gufasha intworo hasi kugira ngo bitegure amatora na n'ubu iracyahanganye, ni yo mpamvu rero Abanyamerika bavuze ko mu byumweru bitatu nibura niba ibihumbi makumyabiri by'izo ngabo ari byo bihwanye na kimwe cya kimwe cya gatatu kidafashije intworo hasi ngo Le... Leta zunze ubumwe zizakura amaboko ku gihugu cya Liberiya. Ibyo byatangajwe na Madamu Prudence Bushnell, Umunyamabanga wa Leta wungirije ushinze ibibazo by'Afrika. Bavuze ko uwo Mudamu Prudence Bushnell avugwa mu gaco k'abashobora kuba baragambaniye Nyakwigendera Prezida wa Republika y'u Rwanda. Ibyo twabibabwiraga kuko twari twabisomye mu kinyamakuru bita "Le Courier du



Sud"cyo ku itariki ya cumi n'umunani Mata, umwaka wa mirongo urwenda na kane.

Imirwano na none irakomeje muri Angola aho indege za Leta batubwira zasutse amabombe mu karere bita WAKOKONGO bikica abana b'ishuri bagera kuri mirongo inani n'icyenda.

Naho muri Kolombiya igihugu cyo muri Amerika y'Amajyepfo, ikirunga cya Nova Delila cyararutse kivunga umugezi urimo icyondo, icyondo kimaze guhitana bageze kuri magana abiri mirongo itanu... magana abiri mirongo irindwi.

Dusoze twibuka ko igihugu cya Sudani na cyo gihanganye n'inyeshyamba zishyigikiwe na MUSEVENI kiri mu byahakanye kugira ngo intebe y'u Rwanda yicarweho n'intumwa za rubanda nyamwinshi. Ibyo ari byo byose kandi ikibazo cy'u Rwanda kirahiga kunanira O.U.A. Nk'uko amakuru atubwira, O.U.A niyiha rero gufufika ihishira MUSEVENI izanamo iby'icyongereza n'igifransa.

Mwirirwe. Mwari kumwe na NKURUNZIZA Ananie.

Indirimbo.

**Orateur non identifié :**

Ibyo bintu nyine bavuga ngo "twarengagije ikiremwamuntu", ngo "ni twe twateguye massacres nyine ni bo". Bon, ubu rero ndakomeje. Reka rero bize kujya... bakore amarorerwa. Ngiye gufata ku byo abaturage, bica abaturage b'i BYUMBA bari ibihumbi magana inani hakaba hasigaye ibihumbi mu... ijana na mirongo itanu, magana atandatu mirongo itanu byose bikaba byarapoteye.

Bon, mu byo i Kibungo, Inkotanyi zidusanga i Kibungo, amahanga yaravugaga...yabanje kuturega ngo twishe ibihumbi magana abiri by'Abatutsi. Noneho nyuma Inkotanyi zigeze i Kibungo avuga ko

hamaze gupfa ibihumbi magana atanu. Ibyo bihumbi magana atanu ni ibya nde? Ni iby'Inkotanyi kuko twebwe batuvugaho ibihumbi magana abiri? Ni iby'Inkotanyi? Bon, ariko mu by'ukuri bamaze nko kwica abakabakaba mu bihumbi magana arindwi, uretse ko turi kugendera kuri iyo mibare ya... yavuzwe mbere nyine n'Abanyamahanga...

**Orateur BEMELIKI Valérie :**

...Radiyo ikundwa na benshi. Nk'uko rero mwabyumvise twatangiyeye ibiganiro byacu. Muri iki gitondo muri kumwe na BEMELIKI Valeriya, muri bwiriranwe kuva saa mbiri kugeza nyine i saa sita, kuri tekiniki tukaba turi kumwe na NTEZIMANA Jean.

